Japan International Cooperation Agency (JICA)

# RWANDA ECOPD NEWS

November 2011, Vol.6

Rwanda Demobilization and Reintegration Commission (RDRC)

**Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of Ex-Combatants and Other People with Disabilities**

**Umushinga wo gutanga ubumenyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo**

## Ex-Trainees started their jobs!

## Abigishijwe imyuga batangiye kwihangira imirimo




Ex-trainees who have finished skills training have already started their income generation activities in their communities. Many of them live in rural areas where there are no sufficient opportunities for employment. Therefore, they tried to create cooperatives to set up income generation activities by themselves, corresponding to Rwandan Government policies. As said one of the 7 cooperative principles, ex-trainees invite community members to participate in it to develop their lives, their community and the country. ECOPD Project offers Starter Kits and continues to support them with collaboration of central and local authorities.

Seven Principles of cooperative are; (1) Voluntary and Open Membership, (2) Democratic Member Control, (3) Member Economic Participation, (4) Autonomy and Independence, (5) Education, Training and Information, (6) Co-operation among Co-operative, and (7) Concern for Community (defined by International Cooperative Alliance).

*Abigishijwe imyuga batangiye kwihangira imirimo ibyara inyungu aho batuye. Benshi muri bo batuye mu byaro aho amahirwe yo kubona akazi ari makeya. Bityo rero, bagerageje kwishyira hamwe bashinga amakoperative bagendera kuri Politike ya Leta y'u Rwanda. Nkuko biteganywa na rimwe mu mahame shingiro agenga Koperative, abigishijwe imyuga bishyize hamwe n'abandi baturage kugirango biteze imbere, bateze imbere aho batuye n'igihugu. Umushinga ECOPD ubaha ibikoresho byo gutangira gukora ugakomeza no kubafasha mu mikoranire yawo na Leta hamwe n'Inzego z'ibanze.*

*Amahame shingiro arindwi agenga Koperative : (1) Kuba Umunyamuryango ku bushake (2) Umunyamuryango wese afite uruhare mu bugenzuzi bwa Koperative (3) Umunyamuryango wese agira uruhare mu iterambere rya Koperative (4) Ukwishyira ukizana kw'abanyamuryango (5) Abanyamuryango barahugurwa bakanahabwa amakuru (6) Ubufatanye hagati y'abanyamuryango (7) Gukora ugamije inyungu z'abaturage ( Amahame yashizweho n'Ishyirahamwe mpuzamahanga ry'amakoperative ).*

## Reports on various cooperatives
## Ibyavuzwe ku makoperative atandukanye

Cooperatives are valuable resources of community. We also support them (Umudugudu leader).
*Amakoperative ni umutungo ukomeye ku baturage. Turayashyigikiye natwe (Umuyobozi w'Umudugudu)*

After training I created a cooperative with community members. We are going to work for the development of our community (Blind trainee).
*Nyuma yo kwigishwa imyuga, nashinze koperative mfatanyije n'abandi baturage. Tuzakora tugamije iterambere ry'abaturage (Umwe mu bigishijwe ufite ubumuga bwo kutabona).*

This is our first experience to participate in cooperative. Thanks for ex-trainee of ECOPD Project (women in the community)
*Ubu ni ubwa mbere tugiye kugira uruhare mu bikorwa by'abandi baturage. Ndashima abigishijwe n'Umushinga ECOPD (Umugore uba mu giturage).*




Northern Province, Agriculture
*Intara y'Amajyaruguru : Ubuhinzi*

ECOPD Project offered them some basic agricultural starter kits and white cane for blind trainee.
*Umushinga ECOPD wahaye abanyeshuri batabona bimwe mu bikoresho by'ibanze by'ubuhinzi hamwe n'inkoni zigenewe kubayobora.*

Eastern Province, agriculture and stock raising *Intara y'Iburasirazuba : Ubuhinzi n'Ubworozi*





Cooperative member contributed to buy 2 pigs, because we learned pig rising. Also we cultivate maize and potatoes.
*Abanyamuryango ba Koperative baguze ingurube, kuko bize uburyo zororwa. Ikindi kandi, bahinga ibigori n'ibijumba.*

We do bookkeeping as learned in cooperative workshop. We have already submitted documents to register our cooperative to local government.
*Twuzuza ibitabo by'icungamutungo nkuko twabyize mu mahugurwa ku makoperative. Twatanze ibyangombwa bisabwa n'inzego z'ibanze kugirango tuzahabwe icyemezo cyo gukora nka Koperatve.*

**Japanese volunteers in Training Centre also celebrate ex-trainees' cooperatives initiation.** ***Abakorerabushake b'abayapani bakora mu bigo byigisha imyuga bashyigikira amakoperative y'abanyeshuri bigishijwe imyuga.***

We started making cloths as learned by trainers and volunteer.
*Twatangiye kudoda imyenda nkuko twabyigishijwe n'abarimu n'abakorerabushake.*

2 Cooperatives work together in the same place to unite our effort and knowledge.
*Amakoperative abiri akorera ahantu hamwe kugirango ahurize hamwe imbaraga n'ubumenyi.*



Southern Province, Tailoring
Intara y'Amajyepfo : Ubudozi



Southern Province, Tailoring and Silkscreen
Intara y'Amajyepfo : Ubudozi no Kwandika ku myenda

Northern Province, Tailoring *Intara y'Amajyaruguru : Ubudozi*



We would like to make hats which you, volunteer, taught us.
*Twifuzaga kuzakora ingofero nkuko wowe mukorerabushake wabitwigishije*

**Until end of November 2011, 91 plans for creation of cooperative were submitted. Although some cooperatives are still in preparation, a lot of cooperatives started their job.**
***Kugera mu mpera z'Ugushyingo 2011, harateganywa gushingwa amakoperative 91. Nubwo amakoperative amwe yitegura gutangira gukora, andi menshi yatangiye gukora.***

We got the job in the construction of new primary school in our community, in the amount of about RWF 2 million. As only welder cooperative,

*Twabonye isoko rya Miliyoni 2 mu bwubatsi bw'amashuri ari mu karere dutuyemo, bitewe n'uko Koperative yacu ari yo yonyine isudira ihari.*

After market analysis, we choose this place because of lot of traffic to/from Uganda.

*Nyuma yo kwiga isoko, twahisemo gukorera hano bitewe n'uko hanyura abantu benshi bajya n'abava i Bugande.*



Northern Province, Welding
*Intara y'Amajyaruguru : Gusudira*



Northern Province, motor-vehicle mechanic
*Intara y'Amajyaruguru : Ubukanishi*

Also, many institutions support them, at national and local levels!

*Abanyarwanda benshi, inzego zo ku rwego rw'igihugu n'izibanze bazabashyigikira!*

RDRC has many programs for cooperative. Do not hesitate to contact us. (RDRC Regional Officer).
*RDRC ifite gahunda nyinshi zijyanye n'amakoperative. Ntimushidikanye kutugana. (Uhagarariye RDRC mu Ntara y'Amajyaruguru).*



Northern Province, Tailoring
*Intara y'Amajyaruguru : Ubudozi*

A NGO for support people with disabilities offered this land. We cultivate some vegetables and try to sell in the market.
*Umuryango utegamiye kuri Leta wita ku bafite ubumuga waduhaye ubu butaka mureba. Duhingamo imboga tukazigurisha ku isoko.*



Kigali, Agriculture
*Kigali : Ubuhinzi*

## Success Stories of Ex-Trainees
## Ibikorwa byiza by'abanyeshuri bize imyuga

No. 4 We are teaching welding for community people in Muhanga District
Nimero 4 Twigisha gusudira abaturage bo mu Karere ka Muhanga

This is a welding cooperative created by ex-combatants with disability who participated in training course at VTC Nyanza. Definitely it is not a big cooperative, but it is very busy for jobs, such as reconstruction of primary school. JICA provided one welding machine as Starter Kit. Also they created hand-made welding machine with local technician.



*Iyi ni Koperative isudira yashinzwe n'abasezerewe mu ngabo bafite ubumuga bize mu. Kigo cyigisha imyuga cya Nyanza. Ntabwo ari koperative ikomeye, ariko ihabwa akazi kenshi mu kubaka amashuri. JICA yabahaye imashini imwe yo gusudira bahereyeho. Ikindi kandi, bikoreye n'intoki indi mashini isudira bafatanyije n' umuturage umunyamwuga uba muri ako Karere.*

This cooperative also instructs community people in their workplace using knowledge learned in the VTC. Moreover, they receive some trainees in a near training centre as interns. They are happy to train welders in their community.

（Picture： hand-made welding machine （above） and Welding machine provided as starter kit （below））




*Iyi koperative yigisha kandi abaturage b'aho ikorera gukoresha ubumenyi bwigishwa mu bigo by'imyuga. Ikindi kandi, banakira na bamwe mu banyeshuri bahaturiye baza kwimenyereza umwuga. Bashimishwa no kwigisha abaturage umwuga wo gusudira.*

*(Ifoto : Imashini yo gusudira yakoreshejwe intoki hamwe n'imashini yo gusudira yahawe koperative nk'igikoresho cy'ibanze cyo gutangira gukora umwuga.)*